

**Ibirimo / Summary / Sommaire      page/urup**

**A. Imiryango/ Associations/ Associations**

Association Garuka .....	3
Seventh Day Adventist Reform Movement .....	18
Jesus is the Lord Temple.....	20
Debre Salam St.Gabriel Orthodox Tewahdo Church in Rwanda .....	22
Les Pères Bénédictins de Gihindamuyaga .....	24
Bethlehem Miracle Church.....	26

**B. Amakoperative/ Cooperatives/ Coopératives**

- KOKONERU .....	27
- IZUBA RYA GASABO .....	28
- TUNOZE UBWUBATSI.....	29
- KOTUBWIRU .....	30
- DUKATAZE MWITERAMBERE- CYOGO.....	31
- TWIYUBAKE CYOGO .....	32
- KORUMISHI.....	33
- COPRECABANYA .....	34
- WIKINISHA IGIHE MUNYARWANDA .....	35
- COOPLKI .....	36
- ABEMERANZUKI.....	37
- ICYEREKEZO CY'UBUKIRE .....	38
- KOZAMUSO .....	39
- K A U .....	40
- ICYEREKEZO CYIZA MATIMBA .....	41
- UCOCARU .....	42
- COOMEMA .....	43
- MAYOFICO .....	44
- CVMK.....	45
- TWIYUBAKE GAHARA .....	46
- BGCC.....	47
- KOZIBIMU.....	48
- KODUMU.....	49
- BRIGHT GENERATION .....	50
- M R E C .....	51
- KOTEMUMI.....	52
- IMBERE HEZA KABARE .....	53
- ABARINZI B'AMAHORO MUDENDE .....	54
- UMUTOZO.....	55
- KOTATU MURAMBI.....	56
- ABESAMIHIGO BA MURUNDI.....	57
- TWITEGANYIRIZE MUYUMBU .....	58
- ABISUNGANYE .....	59
- NASHO IRRIGATION COOPERATIVE .....	60
- GIRUBUKI MUSAMBIRA .....	61
- SUFACOMU .....	62

- SUFACORU.....	63
- DUKOREREHEZA RUHOMBO.....	64
- KODIMIRWA .....	65
- KOKIKA.....	66
- KOPUBIGA.....	67
- GWIZA MASAKA COOPERATIVE .....	68
- TWITEGANYIRIZE EJO HAZAZA .....	69
- CO.T.T.I.NYA .....	70
- KOIBI .....	71
- VUGURURA.....	72
- COSABU .....	73

***C. Guhindura amazina***

- AKINGENEYE ANDRE.....	74
- NDAYAMBAJE JOSEPH.....	74
- NTAMUGABUMWE BARTHÉLEMY.....	74
- NGENDABANYIKA VINCENT .....	75
- GASINGA KANYUNDO.....	75
- GASANA FRANCOIS .....	75
- UZABAKIRIHO GRACE .....	76

**AMATEGEKO SHINGIRO YA ASSOCIATION  
GARUKA**

**IRANGASHINGIRO**

Inteko Rusange ya ASSOCIATION GARUKA iteraniye mu nama yayo idasanzwe yo kuwa 06 Mata 2013;

Ishingiye ku Iteka rya Minisitiri n° 88/11 ryo kuwa 19 Kamena 2008 ryatangaje mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda N° 22 bis yo kuwa 15 Ugushyingo 2008 riha ubuzimagatozi ASSOCIATION GARUKA;

Ishingiye ku Itegeko N° 04/2012 ryo kuwa 17/02/2012 rigena imitunganyirize n'imikorere by'imiryangi nyarwanda itari iya Leta ;

Yemeje kandi itangaje ihinduka ry'amategko shingiro, ateye ku buryo bukurikira:

**UMUTWE WA I : INYITO, ICYICARO,  
INTEGO, AHO UKORERA N'IGIHE  
UZAMARA**

**Iningo ya 1 : Izina n'igihe izamara**

Hakurikijwe ibikubiye mu itegeko N°04/2012 ryo kuwa 17/02/2012 rigena imitunganyirize n'imikorere by'imiryangi nyarwanda itari iya Leta ; hashinzwe, mu gihe kitagenwe, umuryango nyarwanda uharanira inyungu rusange utari uwa Leta witwa «ASSOCIATION GARUKA ».

**STATUTES OF ASSOCIATION GARUKA**

**PREAMBLE**

The General Assembly of ASSOCIATION GARUKA meeting in its extraordinary session of 06 April 2013;

Pursuant to Ministerial Order N° 88/11 of 19 June 2008 published in the Official Gazette of Rwanda N° 22 bis of 15 November 2008 granting legal personality to ASSOCIATION GARUKA;

Purrsuant to Law N° 04/2012 of 17/02//2012 governing the organisation and the functioning of national non-governmental organizations;

Adopt and declares the following modifications to the statutes:

**CHAPTER I: DENOMINATION, HEAD  
OFFICE, OBJECTIVES, RANGE DURATION**

**Article 1: Name and duration**

In accordance with the provision of Law N°04/2012 of 17/02/2012 governing the organization and functioning of national non-governmental organizations, there is established for an indefinite period, a national non-governmental organization of common interest to be named «ASSOCIATION GARUKA».

**STATUTS DE L'ASSOCIATION GARUKA**

**PREAMBULE**

L'Assemblée Générale de l'ASSOCIATION GARUKA réunie en session extraordinaire du 06 Avril 2013;

Vu l'arrêté Ministériel N° 88/11 du 19 Juin 2008 publié au Journal officiel de la République du Rwanda N° 22 bis du 15 Novembre 2008 accordant la personnalité juridique à l'ASSOCIATION GARUKA;

Vu la loi N° 04/2012 du 17/02//2012 portant organisation et fonctionnement des organisations non-gouvernementales;

Adopte et déclare les modifications statutaires suivantes :

**CHAPITRE I : DENOMINATION, SIEGE,  
OBJECTIFS, ETENDUE ET DUREE**

**Article 1: Dénomination et durée**

Conformément aux dispositions de la loi N°04/2012 du 17/02/2012 portant organisation et fonctionnement des organisations non-gouvernementales nationales, il est créé, pour une durée indéterminée, une organisation non-gouvernementale nationale d'intérêt commun dénommée « ASSOCIATION GARUKA ».

**Iningo ya 2: Icyicaro gikuru**

Icyicaro gikuru cy' Umuryango gishyizwe mu Mujyi wa Kigali, B.P 1553. Gishobora kwimirwa mu yindi ntara mu gihugu byemejwe n'Inteko Rusange.

**Iningo ya 3: Aho ibikorwa bikorerwa**

ASSOCIATION GARUKA ikorera ibikorwa byayo ku butaka bwose bw'u Rwanda, kandi ishobora kugaba amashami aho ari ho hose mu gihugu byemejwe n'Inteko Rusange.

Umuryango ushobora gukorera ibikorwa byawo no hanze y'ighugu cyacu mu gihe byemejwe n'Inteko Rusange.

**Iningo ya 4: Intego n'ibikorwa by'Umuryango**

**Intego**

Umuryango ugamije gufasha abana n'urubyiruko rw'u Rwanda kwiteza imbere mu nzego zose cyane cyane imibereho myiza ndetse n'ubukungu.

**Ibikorwa**

Ibikorwa by'ingenzi by'Umuryango ni ibi bikurikira :

1. Gukorera ubuvugizi abana bo mu muhanda n'abandi bana n'urubyiruko batishoboye hagamijwe kubasubiza mu buzima busanzwe;
2. Kurengera no guteza imbere umuco n'ubukorikori;

**Article 2: Head office**

The head office of the Organization is established in Kigali City, B.P 1553. It can be transferred to any other province in the country upon decision of the General Assembly.

**Article 3: Scope of activities**

ASSOCIATION GARUKA shall exercise its activities throughout the territory of Rwanda and shall have different branches anywhere on the national territory when decided by the General Assembly. The organisation shall beyond our country upon decided by the General Assembly.

**Article 4: Mission and activities of the Organisation**

**Mission**

The mission of the organization is the comprehensive development of Rwandan children and youth with an emphasis on psycho-social and economic sector.

**Activities**

The main activities of the Organization are:

1. Advocate for street kids, other vulnerable children and youth toward a dignified social reintegration;
2. To preserve and to promote the culture and handicraft;

**Article 2: Siège social**

Le siège social de l'Organisation est établi dans la Ville de Kigali, B.P 1553. Il peut être transféré dans toute autre province du pays sur décision de l'Assemblé Générale.

**Article 3: Champ d'activités de l'Organisation**

L'ASSOCIATION GARUKA exerce ses activités sur toute l'étendue du territoire et peut avoir des branches n'importe où sur le territoire national sur décision de l'Assemble Générale.

L'organisation pourra étendre ses activités à l'extérieur du pays, sur décision de l'Assemblée Générale.

**Article 4 : La mission et les activités de l'Organisation**

**La mission**

La mission de l'Organisation est le développement de l'enfant et jeunesse rwandaise en général et dans le domaine socio-économique en particulier.

**Activités**

Les activités principales de l'Organisation sont :

1. Assurer le plaidoyer pour les enfants de la rue ainsi que d'autres enfants et jeunes vulnérables pour une meilleure réintégration sociale;
2. Préserver et promouvoir la culture et l'artisanat;

3. Gushyigikira icyateza imbere imibereho y'abaturarwanda mu rwego rw'ubuvuzi n'imibereho muri rusange;
4. Kurengera imibereho y'abaturage twita ku bidukikije;
5. Guteza imbere amahugurwa n'uburezi;
6. Kurwanya ibyorezo nka VIH/SIDA n'ibiyobyabwenge mu bana n'urubyiruko.

## **UMUTWE WA II:ABANYAMURYANGO N'INZEGO ZUMURYANGO**

### **Ingingo ya 5: Abanyamuryango**

Umuryango uguizwe n'Abanyamuryango bawushinze, abanyamuryango bawinjiramo n'abanyamuryango b'icyubahiro.

Abanyamuryango bawushinze ni abashyize umukono kuri aya mategeko shingiro. Abanyamuryango bawinjiramo ni abantu babisaba bamaze kwiyemeza gukurikiza aya mategeko shingiro kandi bakemerwa n'Inteko Rusange.

Abanyamuryango bawushinze n'abawinjiramo ni abanyamuryango nyakuri. Uburenganzira n'ishingano byabo bigenwa n'amategeko agenga imikorere y'Umuryango.

Abanyamuryango b'Icyubahiro ni abantu cyangwa imiryango bemerwa n'Inteko Rusange kubera ibyiza by'akarusho bakoreye umuryango.

Aba banyamuryango bagishwa inama gusa ariko ntibatora.

3. To fight for the improvement of conditions of life of populations: the sanitary and social conditions;
4. To protect the setting of life of populations by the protection of the environment and a purification adapted to their means ;
5. To promote training and education;
6. Fight HIV/AIDS, alcohol and drug abuse among children and youth.

## **CHAPTER II: MEMBERSHIP AND ORGANS OF THE ORGANIZATION**

### **Article 5: Members**

The Organization is comprised of founder members, ordinary members and honorary members.

The founder members are those that have signed the present statutes. Ordinary members are those who will have accepted these statutes and be accepted after a written application by the General Assembly.

Founding members and acceding are full members of the organization are referred to as effective members of the Organization. The right and obligations of the members are determined by the internal rules and regulation of the organisation.

Honorary Members are those who will have received acknowledgement by the General Assembly for their special support to the organization.

Honorary Members have a consultative role but do not have right to vote.

3. Lutter pour l'amélioration des conditions de vie des populations : les conditions sanitaires et sociales ;
4. Sauvegarder le cadre de vie des populations par la protection de l'environnement et un assainissement adapté à leurs moyens;
5. Promouvoir la formation et l'éducation ;
6. Combattre les fléaux de VIH/SIDA, de l'abus des drogues et de l'alcool chez les enfants et les jeunes.

## **CHAPITRE II : LES MEMBRES ET ORGANES DE L'ORGANISATION**

### **Article 5: Membres**

L'organisation se compose des membres fondateurs, des membres adhérents et des membres d'honneur.

Sont membres fondateurs les signataires des présents statuts. Sont membres adhérents des personnes physiques qui, sur demande et après avoir souscrit aux présents statuts, sont agréées par l'Assemblée Générale.

Les membres fondateurs et les membres adhérents sont les membres effectifs de l'organisation. Les mêmes droits et les obligations sont déterminés par le règlement d'ordre intérieur de l'organisation.

Les Membres d'Honneur sont des personnes physiques ou morales auxquelles l'Assemblée Générale aura décernée ce titre en reconnaissance des services spéciaux et appréciables rendus à l'organisation.

Les membres d'honneur jouent un rôle consultatif mais ne prennent pas part aux votes.

**Ingingo ya 6 : Ibisabwa kugira ngo umuntu yemerwe kuba umunyamuryango**

Ummuntu wese wujuje imyaka 21 kandi ufile uburenganzira bwe bwose mu gihugu, ashobora kuba umunyamuryango abisabye kandi abyemerewe n'Inteko Rusange yateranye ifite iyo ngingo ku murongo w'ibiyigwa imaze kubyemeza.

Inyandiko zisaba kwinjira mu Muryango zoherezwa Umuvugizi, akazishyikiriza Inteko Rusange kugira ngo ifate umwanzuro

Umuntu areka kuba umunyamuryango iyo apfuye, iyo asezeye ku bushake, iyo yirukanywe cyangwa iyo umuryango usheshwe.

Usezeye ku bushake yandikira Umuvugizi, bikemezwu n'Inteko Rusange.

Icyemezo cyo kwirukana umunyamuryango gifatwa n'Inteko Rusange ku bwiganze bwa 2/3 by'amajwi iyo atacyubahiriza aya mategeko shingiro n'amategeko ngengamikorere y'umuryango

**Ingingo ya 7: Inzego**

Inzego z'Umuryango ni :

- Inteko Rusange,
- Komite Nyobozi,
- Ubugenzuzi bw'Imari,
- Komite ishinzwe imyitwarite no gukemura amakimbirane.

**Article 6: Condition of membership**

Any person aged 21 years and enjoying all civic right can be a member of the organization application and after decision of the General Assembly convened for that purpose.

Membership applications shall be addressed to the Legal Representative who will on his turn submit them to the General Assembly for decision.

A person ceases to be a member by death, by voluntary resignation, expulsion by the General Assembly, or by the dissolution of the organisation.

The resignation is addressed by a written letter to the Legal Representative and submitted to the General Assembly for approval.

The expulsion is declared on 2/3 ratio of and by the General Assembly and imposed to a member who fails to conform to the Organization's statutes and Internal Rules and Regulations.

**Article 7: Organs**

The organs of the Organization are:

- The General Assembly,
- Executive Committee,
- Account Inspectors,
- The Organ of Discipline and Conflict Resolution.

**Article 6 : Condition d'adhésion et Perte de la qualité de membre**

Toute personne âgée de 21 ans et jouissant de tous les droits civiques, peut être membre de l'organisation sur sa demande et après la décision de l'Assemblée Générale.

Les demandes d'adhésion sont adressées par écrit au Représentant Légal qui les soumet à l'Assemblée Générale pour prise de décision.

La qualité de membre se perd par le décès, le retrait volontaire, l'exclusion ou la dissolution de l'organisation.

Le retrait volontaire est adressé par écrit au Représentant Légal et est soumis à l'Assemblée Générale pour approbation.

L'exclusion est prononcée par l'Assemblée Générale à la majorité de 2/3 des voix contre un membre qui ne se conforme plus aux présents statuts et au règlement d'ordre intérieur de l'organisation.

**Article 7: Organes**

Les organes de l'Organisation sont :

- L'Assemblée Générale,
- Le Comité Exécutif,
- Le Commissariat aux Comptes,
- Le Comité de Discipline et de Résolution des Conflits.

**Iningo ya 8: Inteko Rusange**

Inteko Rusange nirwo rwego rw'ikirenga rw'umuryango. Igizwe n'abanyamuryango bose. Inteko Rusange ifite ububasha bukurikira :

1. Kwemeza no guhindura amategeko agenga umuryango n'amabwiriza mbonezamikorere yawo ;
2. Gushyiraho no kuvanaho Uhagarariye Umuryango n'Umwungirije ; Abagize Komite nyobozi, Inama y'Ubugenzuzi bw'Umutungo na Komite ishinzwe imyitwarire no gukemura amakimbirane;
3. Kwemerera, guhagarika no kwirukana umunyamuryango wa ASSOCIATION GARUKA;
4. Kwemeza gahunda n'ingamba z'Umuryango ;
5. Kwemeza buri mwaka raporo y'imari ;
6. Kwemera impano n'indagano ;
7. Gusesa Umuryango;

**Iningo ya 9: Inama z'Inteko Rusange**

Inteko Rusange iterana rimwe mu mwaka mu nama isanzwe.

Inteko Rusange idasanzwe iterana buri gihe iyo bibaye ngombwa.

**Iningo ya 10: Gutumira Inteko Rusange**

Inteko Rusange ihamagazwa kandi ikayoborwa n'Umuvugizi wa ASSOCIATION GARUKA; yaba adahari cyangwa atabonetse, bigakorwa n'Uwungirije Umuvugizi

**Article 8 : General Assembly**

The General Assembly is the supreme organ of the Organization. It is composed of all members. The General Assembly shall have the following powers and duties:

1. To approve and amend the statutes and the internal rules and regulations of the Organization;
2. To elect and dismissing the legal Representative, the Deputy legal Representative and the members of Board and the Committee for Discipline and Conflict Resolution;
3. To accept membership, resignation or expulsion of members from ASSOCIATION GARUKA;
4. To adopt strategic plan of the Organization;
5. To approve annual financial report;
6. To accept donation an bequests;
7. Dissolve the Organization.

**Article 9: Meetings of General Assembly**

The ordinary General Assembly shall be convened at least one time in a year.

The General Assembly may also be convened in any other extra-ordinary circumstance.

**Article 10: Convening the General Assembly**

The General Assembly shall be convened and presided over by the Legal Representative of ASSOCIATION GARUKA. In his absence, by his Deputy.

In case of simultaneous unavailability, or intended absence, the General Assembly shall be convened upon

**Article 8: De l'Assemblée Générale**

L'Assemblée Générale est l'organe suprême de l'organisation. Elle est composée de tous les membres de l'organisation.

Les pouvoirs dévolus à l'Assemblée Générale sont :

1. Adoption et modification des statuts et du règlement d'ordre intérieur ;
2. Nomination et révocation du Représentant Légal et du Représentants Légal suppléant; les membres du Comité Exécutif, les Commissaires aux Comptes et le Comité de Discipline et de Résolution des Conflits.
3. Accepter l'adhésion, la démission ou l'exclusion des membres de l'ASSOCIATION GARUKA ;
4. Adopter le plan stratégique de l'Organisation;
5. Approbation du rapport financier annuel ;
6. Acceptation des dons et legs ;
7. Dissolution de l'organisation.

**Article 9: Réunions l'Assemblée Générale**

L'Assemblée Générale se réunit une fois par an en session ordinaire.

L'Assemblée Générale extraordinaire se tient autant de fois que de besoin.

**Article 10:Convocation de l'Assemblée Générale**

L'Assemblée Générale est convoquée et présidée par le Représentant Légal de ASSOCIATION GARUKA ou le cas échéant, par le Représentant Légal Suppléant.

Iyo Umuvugizi n’Umwungirije badahari, batabonetse cyangwa banze, Inteko Rusange ihamagarwa mu nyandiko isinyweho na 1/3 cy’abanyamuryango nyakuri. Icyo gihe, abagize Inteko Rusange bitoramo uyobora iyo nama.

**Ingingo ya 11 : Uburyo bukurikizwa kugira ngo Inteko Rusange iterane**

Inzandiko z’ubutumire zikubiyemo ibiri ku murongo w’ibyigwa zishyikirizwa abanyamuryango nibura mbere y’iminsi 30.

Inteko Rusange iterana kandi igafata ibyemezo iyo 2/3 by’abanyamuryango nyakuri bahari. Iyo uwo mubare utagezweho, indi nama itumizwa mu minsi 15. Icyo gihe, Inteko Rusange iraterana kandi igafata ibyemezo bifite agaciro uko umubare w’abahari waba ungana kose.

Inteko Rusange idasanzwe ihamagazwa kandi ikayoborwa mu buryo bumwe nk’ubw’Inteko Rusange isanzwe. Ihamagarwa mbere y’iminsi 15. Impaka zigibwa gusa ku kibazo cyateganyijwe mu butumire.

Uretse ibiteganywa ukundi n’itegeko rigena imitunganyirize n’imikorere by’imiryangi nyarwanda itari iya Leta kimwe n’aya mategeko shingiro, ibyemezo by’Inteko Rusange bifatwa hakurikijwe ubwiganze busesuye bw’amajwi. Iyo amajwi angana, iry’Umuvugizi rigira uburemere bw’abiri.

a written request of 1/3 of effective members. The Assembly elects an ad hoc president of this meeting.

**Article 11 : Procedures for holding the General Assembly**

Invitations with agenda are addressed to members 30 days prior to the assembly.

The General Assembly shall legally convene in the presence of at least 2/3 of the effective members. In case of lack of quorum, the meeting shall be reconvened in 15 days. This time, the meeting shall take place no matter how many members present.

The extra-ordinary General Assembly may follow the ordinary modalities of summon. It may be convened 15 days in advance. The agenda, as mentioned in the invitation, will be the only item to be discussed.

Apart from specific cases mentioned in the national law governing the organization and the functioning of national non-governmental organizations or in these statutes, the decisions in the General Assembly shall be taken by the absolute majority of members. In case of equality of votes, the Legal Representative’s vote counts double.

En cas d’absence, d’empêchement ou simultanée du Représentant Légal et du Représentant Légal Suppléant, l’Assemblée Générale est convoquée par écrit par 1/3 des membres effectifs. Pour la circonstance, l’Assemblée élit en son sein le Président de cette réunion.

**Article 11 : Modalités de réunion de l’Assemblée Générale**

Les invitations contenant l’ordre du jour sont remises aux membres au moins 30 jours avant la réunion.

L’Assemblée Générale siège et délibère valablement lorsque les 2/3 de membres effectifs sont présents. Si ce quorum n’est pas atteint, une nouvelle convocation est lancée dans un délai de 15 jours. A cette échéance, l’Assemblée Générale siège et délibère valablement quel que soit le nombre de participants.

L’Assemblée Générale extraordinaire respecte les mêmes modalités de convocation et de présidence que celle ordinaire. Les délais de sa convocation sont fixés à 15 jours. Les débats ne peuvent porter que sur la question inscrite à l’ordre du jour de l’invitation uniquement.

Sauf pour les cas expressément prévus par la loi relative aux organisations non-gouvernementales et par les présents statuts, les décisions de l’Assemblée Générale sont prises à la majorité absolue des voix. En cas de parité de voix, celle du Représentant Légal compte double.

### **Iningo ya 12 : Inama y'Ubutegetsi**

Komite Nyobozi igizwe na :

- Perezida: ari we Muvugizi w'Umuryango;

- Visi-Perezida: Umuvgizi wungirije;

-Umunyamabanga- akaba n'Umubitsi;

-Abajyanama 2

Abagize Komite Nyobozi batorwa n'Inteko Rusange mu banyamuryango nyakuri. Manda yabo imara imyaka 5 ishobora kongerwa.

Iyo umwe mu bagize Inama y'Ubutegetsi yeguye ku bushake, avanywe ku mwanya we n'Inteko Rusange cyangwa yitabye Imana, umusimbuye arangiza manda ye.

### **Iningo ya 13 : Inshingano z'Abagize Inama y'Ubutegetsi.**

Inama y'Ubutegetsi ishinzwe :

1. Gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'ibyemezo n'ibyifuzo by'inteko Rusange;
2. Gukora raporo y'ibyakozwe mu mwaka urangiye ;
3. Gutegura ingengo y'imari igomba gushyikirizwa Inteko Rusange ;
4. Gushyikiriza inteko rusange iningo z'amategeko n'amabwiriza ngengamikorere zigomba guhindurwa;
5. Gutegura inama z'Inteko Rusange ;
6. Kugirana imishyikirano n'indi miryango igamije ubutwererane no gushaka inkunga;

### **Article 12: Executive Committee**

The Executive Committee is composed of:

- The President: Legal Representative of the organization;
- The Vice President: Deputy Legal Representative;
- The Secretary - Treasurer;
- 2 advisors.

The Executive Committee shall be elected among effective members by the General Assembly with 5 years renewable.

In case of resignation, expulsion by the General Assembly or death of members of the Executive Committee, his successor shall finish the mandate.

### **Article 13: Responsibilities of Board Directors**

The duties of the Executive Committee shall be:

1. To ensure implementation of the Decisions and recommendations of the General Assembly;
2. To elaborate annual report of the previous exercise;
3. To elaborate budget provisions to be submitted to the General Assembly;
4. To put proposals to the General Assembly of statutes and internal rules and regulations amendments;
5. To assure General Assembly preparations;
6. To carry out negotiations of cooperation and financial agreements with partners;

### **Article 12 : Comité Exécutif**

Le Comité Exécutif est composé de:

- Président: Représentant Légal de l'Organisation;
- Vice-président: Représentant Légal Suppléant;
- Secrétaire - Trésorier;
- 2 conseillers.

Les membres du Comité Exécutif sont élus parmi les membres effectifs par l'Assemblée Générale pour un mandat de 5 ans renouvelable.

En cas de démission volontaire ou forcée prononcée par l'Assemblée Générale ou de décès d'un membre du Comité Exécutif au cours du mandat, le successeur élu achève le mandat de son prédécesseur.

### **Article 13 : Attributions du Comité Exécutif**

Le Conseil d'Administration est chargé de :

1. Assurer le suivi de l'exécution des décisions et des recommandations de l'Assemblée Générale ;
2. Rédiger le rapport annuel d'activités de l'exercice écoulé ;
3. Elaborer les prévisions budgétaires à soumettre à l'Assemblée Générale ;
4. Proposer à l'assemblée générale les modifications aux statuts et au règlement intérieur ;
5. Préparer les sessions de l'Assemblée Générale ;
6. Négocier les accords de coopération et de financement avec des partenaires ;

7. Gushaka, gushyiraho no gusezerera Umuyobozi Mukuru n'Abakozi bakuriye amashami y'imrimo;
8. Gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'intego z'umuryango;
9. Kwemeza amasezerano n'ibindi bikorwa bitarengeje agaciro kagenwa n'itegeko ngengamikorere;
10. Gutegura gahunda zose z'ibikorwa zigomba gushyikirizwa inama rusange no gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ryazo;
11. Gushyiraho Abagenzuzi b'imari baturutse hanze;
12. Kuyobora imrimo y'Umuryango.

**Article 14: Inama n'Uburyo bukurikizwa kugirango Inama ya Komite Nyobozi iterane**

Inama y'Ubutegetsi iterana igihe cyose bibaye ngombwa, ariko byanzé bikunze rimwe mu gihembwe, ihamagawe kandi iyobowe na Perezida cyangwa Visi-Perezida igihe Perezida adahari.

Iterana iyo hari 2/3 by'abayigize. Ibyemezo byayo bifatwa hakurikijwe ubwiganze busesuye iyo nta bwumvikane bubonetse. Iyo amajwi anagana, irya Perezida rigira uburemere bw'abiri.

**Iningo ya 15: Ubugenzuzi bw'Imari**

Inteko Rusange ishyiraho buri myaka 3 ishobora kongerwa, Abagenzuzi b'Imari 2 bafite inshingano yo kugenzura buri gihe imicungire y'imari n'indi mitungo by'umuryango no kuyikorera rapor. Bafite uburenganzira bwo kureba mu bitabo n'inyandiko z'ibaruramari z'umuryango ariko batabijyanye hanze y'ububiko.

7. To proceed to personnel recruitment, nomination or expulsion of Executive Director and Responsible of departments;
8. To ensure the implementation of the organisation's objectives;
9. To approve contracts and investments assets of the organization that have value beyond that is mentioned in the internal rules and regulations;
10. To elaborate and ensure the implementation of strategic and operational planning ;
11. To nominate an external audit;
12. To ensure the organisation's administration.

**Article 14 : Meeting and Procedures for holding the Executive committee**

The Executive committee shall convene obligatory every 3-month or any time when necessary on summon and direction of the President. In the absence of the President, the Vice President may convene the meeting.

The meeting may gather at the presence of 2/3 of its participants. The directions and decisions may be taken by the absolute majority when the consensus lacks. In the equality of votes that of the president counts double.

**Article 15: Supervisory Board**

The General Assembly shall nominate every 3 years renewable, 2 Account Inspectors with mission to ensure the good use of organisation's finances and assets and draw it's a report.

7. Recruter, nommer et révoquer le Directeur Exécutif et les Responsables des départements;
8. Veiller à la mise en œuvre des objectifs de l'Organisation;
9. Approuver des contrats et des investissements qui ne dépassent pas les limites précisées dans le règlement intérieur;
10. Elaborer les plans stratégiques et opérationnels à présenter à l'Assemblée Générale et en assurer l'exécution ;
11. La nomination du bureau externe d'audit financier ;
12. Assurer l'administration de l'Organisation.

**Article 14 : Réunion et Modalités de réunion du Comité Exécutif**

Le Comité Exécutif se réunit autant de fois que de besoin, mais obligatoirement une fois par trimestre, sur convocation et sous la direction du Président ou à défaut, du Vice-président.

Il siège lorsque les 2/3 des membres sont présents. Ses décisions se prennent à la majorité absolue des voix lorsqu'il n'y a pas de consensus. En cas de parité de voix, celle du Président compte double.

**Article 15 : Conseil de surveillance**

L'Assemblée Générale nomme tous les 3 ans renouvelables, deux Commissaires aux comptes ayant pour mission de contrôler en tout temps la gestion des finances et autre patrimoine de l'organisation et lui en faire rapport.

Ils ont l'accès aux livres et aux écritures comptables de l'organisation sans les déplacer.

Amategeko agenga imikorer y'Umuryango agena ibindi bikurikizwa mu micungire y'uru rwego.

#### **Iningo ya 16: Komite ishinzwe imyitwarire no gukemura amakimbirane**

Komite ishinzwe imyitwarire no gukemura amakimbirane igizwe n'abantu batatu. Abagize Komite ishinzwe imyitwarire no gukemura amakimbirane batorwa n'Inteko Rusange bakamara igihe cy'imyaka itatu (3) gishobora kongerwa.

Impaka zose zivutse mu Muryango hagati y'inzego cyangwa hagati y'abanyamuryango na ASSOCIATION GARUKA zibanza gukemurwa n'urwego rushinzwe gukemura amakimbirane.

Iyo izo mpaka zidakemuwe n'uru rwego, uruhande rubifitemo inyungu rushobora gushyikiriza icyo kibazo urukiko rubifitiye ububasha mu Rwanda.

Komite ishinzwe imyitwarire no gukemura amakimbirane itanga raporu ku nteto Rusange ya buri mwaka ya ASSOCIATION GARUKA.

Amategeko ngengamikorere asobanura ibindi bikurikizwa mu mikorere y'uru rweg

#### **UMUTWE WA III : UMATUNGU**

##### **Iningo ya 17 : Umatungu w'Umuryango**

Umuryango ushobora gutunga ibantu byimukanwa n'ibitimukanwa ukeneye kugirango ugere ku nteto zowo.

These persons have full access to organisation's accounting documents to be consulted without moving them.

The Internal Rules define other modalities for the functioning of this organ.

#### **Article 16: Committee for Discipline and Conflicts Resolution**

The Committee for Discipline and Conflicts Resolution is composed of three members. The Members of the Committee for Discipline and Conflicts Resolution are elected by the General Assembly for a term of three (3) years renewable.

Any dispute that arises within the Organization between organs or members and the ASSOCIATION GARUKA shall first be resolved by the conflict resolution organ.

Where the dispute is not settled by this organ, the interested party can refer the dispute to the competent court in Rwanda.

The Committee for Discipline and Conflicts Resolution gives annual report to the General Assembly of ASSOCIATION GARUKA.

The Internal Rules define other modalities for the functioning of this organ.

#### **CHAPTER III : PROPERTY**

##### **Article 17 : The property of the organization**

The organization may possess movable or immovable property necessary in the carrying out of its objectives.

Le règlement d'Ordre Intérieur définit les autres modalités de fonctionnement de cet organe.

#### **Article 16 : Comité de Discipline et de Résolution des Conflits**

Le Comité de Discipline et de Résolution des Conflits est composé de trois membres (3). Les membres du Comité de Discipline et de Résolution des Conflits sont élus par l'Assemblée Générale pour un mandat de trois ans renouvelables.

Tout litige qui surgit au sein de l'Organisation entre les organes ou entre les membres et l'ASSOCIATION GARUKA doit être préalablement réglé par l'organe de résolution de conflits.

A défaut de règlement par cet organe, la partie intéressée peut soumettre le litige à la juridiction rwandaise compétente.

Le Comité de Discipline et de Résolution des Conflits donne annuellement le rapport à l'Assemblée Générale de l'ASSOCIATION GARUKA.

Le Règlement d'Ordre Intérieur définit les autres modalités de fonctionnement de cet organe.

#### **CHPITRE III : DU PATRIMOINE**

##### **Article 17 : Du patrimoine de l'organisation**

L'organisation peut posséder des biens meubles et immeubles nécessaires à la réalisation de ses objectifs.

Umutungo w'Umuryango ugizwe n'imisanzu y'abanyamuryango, impano, imirage n'imfashanyo zinyuranye n'umusaruro uva mu bikorwa by'umuryango.

Umuryango ugenera umutungo waho ibikorwa byose byatuma ugera ku ntego zaho ku buryo buziguye cyangwa butaziguye. Nta munyamuryango ushobora kuwiyitirira cyangwa ngo agire umugabane asaba igihe asezeye ku bushake, iyo yirukanywe cyangwa iyo umuryango usheshewe.

#### **UMUTWE WA IV : GUHINDURA AMATEGEKO SHINGIRO**

##### **Ingingo ya 18 : Uburyo bukurikizwa mu guhindura amategeko shingiro**

Aya mategeko ashobora guhindurwa byemejwe n'Inteko Rusange ku bwiganze busesuye bw'amajwi, bisabwe na Komite Nyobozi cyangwa na 1/3 cy'abanyamuryango nyakuri.

#### **UMUTWE WA V : ISESWA RY'UMURYANGO**

##### **Ingingo ya 19 : Gusesa Umuryango**

Icyemezo cyo gusesa Umuryango gifatwa gusa n'Inteko Rusange gitowe ku bwisanzure bwa 2/3 by'abanyamuryango.

Igihe umuryango usheshewe, hamaze gukorwa ibarura ry'ibantu byimukanwa n'ibitimukanwa by'umuryango no kwishyura imyenda, umutungo usigaye uhabwa undi muryango bihuje intego.

The Organization property derive its property from members' subscriptions, donations as well as income generated from the activities constitute the wealth of the organization.

The organization's resources are affected to any input favorable to success. Any member shall never claim a part or possession of the resources when expelled, resign, and deceased or after the dissolution of the organization.

#### **CHAPTER IV : MODIFICATION OF THE STATUTES**

##### **Article 18: Modalities for modifying the statutes**

Any amendment to these statutes shall be decided by the General Assembly on absolute majority. The amendment proposal may be submitted either by the Executive Committee or 1/3 of effective members.

#### **CHAPTER V : DISSOLUTION OF THE ORGANISATION**

##### **Article 19: Dissolution of the Organization**

The decision to dissolve the Organization shall only be taken by the General assembly by the majority of 2/3 of the full members.

When the Organization is dissolved, the property is given to another Organization with similar objectives after inventory of movable and immovable property and after compassion of Organization's dues.

Le patrimoine de l'Organisation est constitué par les cotisations des membres, les dons, les legs, les subventions diverses et les revenus issus des activités de l'organisation.

L'organisation affecte ses ressources à tout ce qui concourt directement ou indirectement à la réalisation de son objet. Aucun membre ne peut s'en arroger le droit de possession ni en exiger une part quelconque en cas de retrait volontaire, d'exclusion ou de dissolution de l'organisation.

#### **CHAPITRE IV : MODIFICATION DES STATUTS**

##### **Article 18: Modalités de modification des statuts**

Les présents statuts peuvent faire objet de modifications sur décision de l'Assemblée Générale prise à la majorité absolue des voix, soit sur proposition du Comité Exécutif, soit à la demande du tiers des membres effectifs.

#### **CHAPITRE V : DISSOLUTION DE L'ORGANISATION**

##### **Article 19 : Dissolution de l'organisation**

La décision de dissoudre l'Organisation ne peut être prise par l'Assemblée Générale qu'à la majorité des 2/3 des membres effectifs.

En cas de dissolution, après inventaire des biens meubles et immeubles de l'organisation et apurement du passif, l'actif du patrimoine sera cédé à une autre organisation poursuivant les objectifs similaires.

**Iningo ya 20 : Itangwa ry'umutungo ry'Umuryango nyuma y'iseswa**

Iyo Umuryango usheshwe, iyegeranya n'itangwa ry'umutungo rikorwa n'umuntu umwe cyangwa benshi babishinzwe, bashirwaho n'Inteko Rusange yemeje iseswa ry'Umuryango hakurikijwe ubwiganze bwa 2/3 by'amajwi.

Ishyirwaho ry'abashinzwe kurangiza iseswa ry'umutungo rivanaho nta mpaka abagize Komite Nyobozi.

**UMUTWE WA VI: ININGO Z'INZIBACYUHO**

**Iningo ya 21 : Ibitasobanuwe muri aya mategeko shingiro**

Ku byerekeye ibitasobanuwe muri aya mategeko shingiro hifashishwa amabwiriza agenga imikorere y'Umuryango, amategeko ndetse n'imigenzo bigenga imiryango nyarwanda itari iya Leta mu Gihugu.

**Iningo ya 22 : Igihe aya mategeko shingiro atangira gukurikizwa**

Aya mategeko shingiro atangira gukurikizwa ku munsi yemerejweho n'abanyamuryango shingiro mu Nteko Rusange bari ku lisiti iyometseho.

Bikorewe i Kigali, 06/04/2013

**Article 20: Disposal of the property of the Organization after dissolution**

In case of dissolution of the organization, the liquidation of the assets is done by one or several liquidators appointed by the General Assembly which approved the dissolution of the organization upon approval of 2/3 of members.

Appointment of one or several liquidators shall terminate the mandate of the Executive Committee.

**CHAPTER VI: FINAL AND TRANSITIONAL PROVISIONS**

**Article 21 : Unspecified aspects**

For anything that is not specified in these Statutes, reference shall be made to Internal Rules and Regulations, laws and practices in accordance with the Law on the national non-governmental organizations in the Country.

**Article 22 : Commencement**

The present Statutes shall enter into force on the day of their adoption by the founding members of the Organization in a General Assembly whose list is annexed.

Done at Kigali on 06/04/2013

**Article 20 : Aliénation du patrimoine de l'Organisation après la dissolution**

En cas de dissolution, la liquidation du patrimoine de l'Organisation est faite par un ou plusieurs liquidateurs désignés par l'Assemblée Générale ayant statué sur la dissolution de l'organisation sur décision de la majorité de 2/3 des voix.

La nomination d'un ou plusieurs liquidateurs met fin au mandat du Comité Exécutif.

**CHAPITRE VI : DISPOSITIONS FINALES ET TRANSITOIRES**

**Article 21 : Eléments non précis**

Pour tout ce qui n'est pas précisé dans ceux Statuts, référence sera faite au Règlement d'Ordre Intérieur, aux lois et aux usages portant organisation des organisations non-gouvernementales nationales au Rwanda en vigueur dans le pays.

**Article 22 : Entrée en vigueur**

Les présents Statuts entrent en vigueur le jour de leur adoption par les membres fondateurs de l'Organisation réunis en l'Assemblée Générale constitutive dont la liste est en annexe.

Fait à Kigali, le 06/04/2013

**Umuvgizi w'Umuryango  
(sé)  
NYIRAHABIYAMBERE Lydie**

**Umuvgizi wungirije  
(sé)  
NIYONSABA Blandine**

**Legal Representative  
(sé)  
NYIRAHABIYAMBERE Lydie**

**Deputy Legal Representative  
(sé)  
NIYONSABA Blandine**

**Représentante Légale  
(sé)  
NYIRAHABIYAMBERE Lydie**

**Représentante Légale Suppléant  
(sé)  
NIYONSABA Blandine**



**Association GARUKA**

B.P.1553 Kigali Tel.+250788589826/+250728589826 www.garuka.com E-mail:garuka@ymail.com/habiyalydie@yahoo.fr

**INYANDIKO-MVUGO Y'INTEKO RUSANGE IDASANZWE YA  
ASSOCIATION GARUKA**

Tariki ya 06 Mata 2013, ku cyicaro gikuru cya Association GARUKA habereye inama Nkuru idasanzwe yahuriwemo n'abanyamuryango bose.

Iyo nama igamije:

- Guhuza Amategeko-shingiro asanzwe ya Association GARUKA n'itegeko n° 04/2012 ryo kuwa 17/02/2012 rigenga imitunganirize n'imikorere y'imiryango nyarwanda idashingiye kuri Leta.
- Kwemeza Abahagarariye Umuryango imbere y'Amategeko,
- Gutora Komite y'Ubugenzuzi n'yo gukemura amakimbirane

Inama yayobowe na Prezida w'Umuryango ku rwego rw'igihugu afatanyije n'Umwungirije.

Inama yafashe imyanzuro ikurikira:

1. Nyuma yo gusoma no gusuzuma ingingo ku yindi amategeko avuguruye no kuyakorera ubugororangingo, abari mu nama bayemeje kandi bayashyiraho umukono.
2. Abari mu nama bemeje abahagarariye Umuryango imbere y'amategeko, aribo:
  - NYIRAHABIYAMBERE Lydie, Uhagarariye Umuryango
  - NIYONSABA Blandine, Uhagarariye Umuryango wungirije
  - MUSABE Philomène, Umubitsi ari nawe Munyamabanga
  - AYINKAMIYE Astérie, Umujyanama
  - HITIMANA Eugène, Umujyanama
3. Abari mu nama batoye abagize Komite y'Ubugenzuzi aribo:  
NIYONGOMBWA Phocas, Umugenzuzi Mukuru  
NIYODUSENGA Béni, Umugenzuzi wungirije
4. Inama yatoye komite yo gukemura amakimbirane igizwe na:
  - NYIRABABIRIGI Florida: Prezida
  - MUKAMPAKANIYE Vestine: Visi-Prezida
  - NTIBESHYA Marie Aimée: Umwanditsi

Inama ishojwe imirimo yayo saa sita (12h00)

Bikorewe i Kigali kuwa 06 Mata 2013

**NYIRAHABIYAMBERE Lydie**  
(sé)

**NIYONSABA Blandine**  
(sé)

**URUTONDE RW'ABANYAMURYANGO BA ASSOCIATION GARUKA**

1. NYIRAHABIYAMBERE Lydie, Uhagarariye Umuryango
2. NIYONSABA Blandine, Uhagarariye Umuryango wungirije
3. MUSABE Philomène, Umubitsi ari nawe Munyamabanga
4. AYINKAMIYE Astérie, Umujyanama
5. HITIMANA Eugène, Umujyanama
6. NYIRABABIRIGI Florida, Umunyamuryango
7. MUJAWAYESU Eugénie, Umunyamuryango
8. KAMARABA Thacienne, Umunyamuryango
9. MUKAMPAKANIYE Vestine, Umunyamuryango
10. NTIBESHYA Marie Aimée, Umunyamuryango
11. MUKANSANGA Vestine, Umunyamuryango

Bikorewe i Kigali kuwa 06 Mata 2013



# Association GARUKA

P.O.BOX: 1553 Kigali / Tel:+250 788 589 826/+250 728 589 826 / [www.garuka.org](http://www.garuka.org) / Email: [info@garuka.org](mailto:info@garuka.org)

## KWEMERA INSHINGANO KW'ABAHAGARARIYE ASSOCIATION GARUKA

Njyewe, NYIRAHABIYAMBERE Lydie, Umuvugizi wa Association GARUKA na NIYONSABA Blandine, Umuvugizi Wungirije wa Association GARUKA, turemeza ko duhagarariye Association GARUKA nk'Umuvugizi n'Umuvugizi Wungirije nk'uko twatowe n'Inteko Rusange ya Association GARUKA yo kuwa 06 Mata 2013.

**Umuvugizi wa Association GARUKA**

**NYIRAHABIYAMBERE Lydie**

(sé)

**Umuvugizi wungirije**

**NIYONSABA Blandine**

(sé)

**ICYEMEZO N° 007/RBO/2015 GIHA UBUZIMAGATOZI UMURYANGO "SEVENTH DAY ADVENTIST REFORM MOVEMENT"**

**Twebwe, Prof. SHYAKA Anastase, Umuyobozi Mukuru w'Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Imiyoborere,**

Dushingiye ku Itegeko n° 06/2012 ryo ku wa 17/02/2012 rigena imitunganyirize n'imikorere by'imiryango ishingiye ku idini, cyane cyane mungingo zaryo za 21 na 22;

Dushingiye kandi ku ibaruwa twandikiwe kuwa 18/07/2014 n'umuyobozi w'umuryango "**SEVENTH DAY ADVENTIST REFORM MOVEMENT**" asaba ubuzimagatozi;

Tumaze kubona ko uyu muryango wujuje ibisabwa byose kugira ngo umuryango ushingiye ku idini uhabwe ubuzimagatozi nk'uko biteganywa n'ingingo ya 21 y'Itegeko ryavuzwe hejuru;

Duhaye ubuzimagatozi umuryango "**SEVENTH DAY ADVENTIST REFORM MOVEMENT**" iki cyemezo kikazatangazwa mu Igazeti ya Repubulika y'u Rwanda.

Bikorewe i Kigali, kuwa 23/04/2015

(sé)

**Prof. SHYAKA Anastase**

**Umuyobozi Mukuru**

**Annex:** DETAILS OF THE LEGAL PERSONALITY FOR RBO

**Name of Organization:** SEVENTH DAY ADVENTIST REFORM MOVEMENT

**Head Quarters/Address:** KICUKIRO

**The Legal representative:** NSENGIYUMVA Jean Bosco

**Deputy Legal Representative:** RWABUZIZI Josias

**Legal Personality:** 007/RGB/RBO

**Date of Issue:** 23/04/2015

**Issuing Institution:** RWANDA GOVERNANCE BOARD

**Type of Organization:** RBO

**Mission:** EVANGELISM

**Area of Intervention:** SOCIAL

(sé)

**Prof. SHYAKA Anastase  
CEO / RGB**

**ICYEMEZO N° 003/RBO/2015 GIHA UBUZIMAGATOZI UMURYANGO “JESUS IS THE LORD TEMPLE”**

**Twebwe, Prof.SHYAKA Anastase, Umuyobozi Mukuru w’Ikigo cy’Igihugu Gishinzwe Imiyoborere,**

